

AMATEGEKO RUSANGE AGENGA IMIKORERE YA MOUVEMENT REVOLUTIONNAIRE IHARANIRA
AMAJYAMBERE Y'U RWANDA.

Interuro ya 1

IBIHULIWEHO

Ingingo ya mbere:

Aya mategeko ni agenga imikorere ya Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda. Mu magambo akulikira irangwa n'izina : "Mouvement".

Ingingo ya 2:

Inzego za Mouvement, nkuko zateganyijwe mu mutwe wa II wa Stati ya Mouvement, zikora zikulikiza amahame akubiye muli Manifeste yo kuwa 5 Nyakanga 1975 na Stati ya Mouvement n'amategeko agenga imikorere yayo.

Ingingo ya 3:

Bitanyuranyije n'ingingo ya 8 ya Stati ya Mouvement, abanyamatanga bashobora kugishwa inama ku ngingo izi n'izi zanditswe ku murongo w'ibyigwa mu nzego za Mouvement aliko bimaze kwemerwa ku buryo bugarafu n'urwego rwa Mouvement rwo hejuru rukulikira urugisha inama.

Interuro ya II

INZEGO ZA MOUVEMENT

Umutwe wa I

INZEGO NYOBOZI ZA MOUVEMENT

Iciviro cya I

PREZIDANSI YA MOUVEMENT NA KOMITE-NYOBOZI

Ingingo ya 4:

Igihe bibaye ngombwa ko hakulikizwa ingingo ya 14 ya Stati ya Mouvement, umutwe ulinda Itegeko-Nshinga ushyikilizwa ibyo usabwe gusuzuma binyujijwe mu iposita mu rwandiko rushinganywe cyangwa ibaruwa bilimo ijya-nywe n'intumwa ihabwa icyemezo ko urwandiko rwatanzwe mu gihe cy'iminsi 15 ikulikira icyemezo cya Komite-Nyobozi cyerekana ko Igihugu kitagifite Prezida.

Umutwe ulinda Itegeko-Nshinga ugomba gutanga icyemezo bitarenga iminsi itanu uhereye ku munsu wakiliyeho urwandiko. Icyemejwe n'Umutwe ulinda Itegeko-Nshinga kimenyeshwa Komite-Nyobozi n'urwandiko rushinganywe mu iposita cyangwa ruhawe intumwe ihabwa icyemezo ko rwashyikilijwe Komite-Nyobozi.

..../....

Ingingo ya 5:

Umubare w'abagize Komite-Nyobozi ntushobora kujya munsi y'abantu 8 cyangwa barenga 15. Abagize Komite-Nyobozi bashyirwaho hakulikijwe ubumenyi n'ubushobozi butangwa n'amashuri, hamwe, cyangwa byonyine, no kuba basanzwe basobanukiwe n'ibibazo by'Igihugu; ubwo bushobozi bugomba kuba buhagije kugira ngo batunganye imilimo yateganyijwe mu ngingo ya 23 n'iya 25 za Stati ya Mouvement.

Ingingo ya 6:

Umuntu wese mu bagize Komite-Nyobozi uvanyweho cyangwa se ugize impamvu imubuza burundu kuyibamo, agomba gusimburwa mu minsi mirongo itatu ikulikira ivanwaho rye cyangwa se impamvu imubuza burundu imaze kumenyekana. Ushyizweho arangiza manda y'uwo asimbuye.

Ingingo ya 7:

Ibihinduwe, ibikosowe, ibihagaliwe, hakulikijwe ingingo ya 23 ya Stati ya Mouvement, bigomba kuvugirwa impamvu zibiteye no kumenyeshwa inzego zibigenewe mu minsi cumi n'itanu ikulikira icyemezo cyabifatwe.

Ingingo ya 8:

Impamvu zitangwa ku byemejwe hakulikijwe ibyateganyijwe mu gika cya 3 cy'ingingo ya 23 ya Stati ya Mouvement zigomba kugaragara muli raporo ya Komite-Nyobozi nkuko biteganyijwe ku ngingo ya 19 ya Stati ya Mouvement.

Ingingo ya 9:

Gusobanura bidasubirwaho Stati ya Mouvement n'amategeko agenga imikorere yayo bigenewe gusa Komite-Nyobozi.

Ingingo ya 10:

Umukarani mukuru, uvugwa ku gika cya 3 cy'ingingo ya 23 ya Stati ya Mouvement, ni umunyamabanga bwite wa Prezida wa Mouvement.

Ingingo ya 11:

Mbere ya 15 gashyantare ya buli mwaka, Umunyamabanga mukuru wa Mouvement ashyikiliza Prezida wa Mouvement na Kongre y'Igihugu, igihe iteranyeye ku buryo busanzwe, raporo ya Komite-Nyobozi.

Ingingo ya 12:

Nta numwe mu bagize Komite-Nyobozi ushobora kwemererwa kuyobora Komisiyo zirenga imwe muzivugwa mu ngingo ya 25 ya Stati ya Mouvement.

Ingingo ya 13:

Abajyanama bavugwa mu ngingo ya 26 ya Stati ya Mouvement ni abakozi bayo igihe cyose, bashyirwaho na Prezida wa Mouvement akulikije ubushobozi bwabo.

..../....

Ingingo ya 14:

- Umunyamabanga mukuru wa Mouvement akulikije amabwiliza ya Prezida wa Mouvement n'aya Komite-Nyobozi:
- ahuza imilimo ya Kongre y'Igihugu, iya Komite-Nyobozi n'iy'inzezo za Mouvement muli Prefegitura no muli Komini, n'iy'ubuyobozi bw'amashuri yose ashingiye kuli Mouvement;
 - yita ku mihulire ya Mouvement n'abanyamakuru yandikwa n'avugwa;
 - agenzura imilimo y'abashinzwe ubuyobozi bwa Mouvement muli Prefegitura no muli Komini;
 - ibyemejwe n'inzezo-nyobozi za Mouvement niwe ugenewe kubyubahiliza mu nzezo za Mouvement muli Prefegitura no muli Komini;
 - ategulira Prezida wa Mouvement amadosiye y'inama za Kongre y'Igihugu n'ay'iza Komite-Nyobozi;
 - abika inyandiko zose za Kongre y'Igihugu n'iza Komite-Nyobozi;
 - niwe mwanditsi w'inama za Kongre y'Igihugu n'iza Komite-Nyobozi;
 - ategulira Komite-Nyobozi umushinga w'amafranga Mouvement izakoresha kandi akanayishyikiliza, uko umwaka ushize, raporo y'ubucunzi bw'umutungo wa Mouvement;
 - atangaza ibitekerezo Inzezo-Nyobozi za Mouvement zishyize imbere n'ibigamba gukulikizwa;
 - ashinzwe kuyobora imilimo ya Mouvement akaba ali nabyo bituma aliwe ushyiraho abakozi afitiye uburenganzira akanasezerera abatabishoboye;
 - areba ko Stati y'abakozi ikulikizwa.

Icyiciro cya II

INAMA Y'IGIHUGU IHARANIRA AMAJYAMBERE

Ingingo ya 15:

Imikorere y'Inama y'Igihugu iharanira amajyambere n'iya leta ikulikiza ibyateganijwe mu nteruro ya II mu mutwe wa I, icyiciro cya 4 ni cya 5 cya Stati ya Mouvement.

Umutwe wa II

INZEGO ZA MOUVEMENT MULI PREFEGITURA

Ingingo ya 16:

Imikorere y'inzezo za Mouvement muli Prefegitura ikulikiza ibyateganijwe mu mutwe wa II wa Stati ya Mouvement.

Umutwe wa III

INZEGO MULI KOMINI

Icyiciro cya I

INAMA YA SEGITERI

Ingingo ya 17:

Amateraniro y'Inama ya Segiteri ayoborwa n'Umujyanama wa Komini
:..../.....

ushinzwe iyo Segiteri, yaba adahali cyangwa hali ikimubujije, akayoborwa n'umwe mu bagize inama ya Segiteri watowe n'abayigize mu nama ya mbere iyo-bowe n'uhagaraliye Mouvement muli Komini. Inama ya Segiteri itoranya mu bayigize uzajya yandika ibivugwa mu nama.

Ingingo ya 18:

Amazina y'abakozi bashinzwe imilimo y'impuguke bavugwa mu ngingo ya 57 ya Stati ya Mouvement yandikwa n'ushinzwe ubuyobozi bwa Mouvement muli Komini aliko akemerwa n'Umuyobozi wa Mouvement muli Prefegitura.

Icyiciro cya II

KOMITE YA CELLULE

Ingingo ya 19:

Mw'irangiza ry'umulimo ishinzwe n'ingingo ya 61 ya Stati ya Mouvement, Komite ya Cellule ishobora gushyikiliza inama ya Segiteri ibyifuzo byerekeye imyifatire ya Mouvement muli Cellule no muli Segiteri. Ibimenyesha ushinzwe ubuyobozi bwa Mouvement muli Komini.

Ingingo ya 20:

Umuntu agenewe kuba muli Cellule imwe gusa. Umukoresha wese, umukozi wese, cyangwa umukozi wa Leta agomba kwandikwa muli Cellule yaho akora. Agomba kumenyesha iryo yandikwa cyangwa icyabihindukaho cyose ushinzwe muli Komini alimo akanabimenyesha abashinzwe ubuyobozi bwa Mouvement muli Komini awuyemo no muyo yimukiyemo.

Umutwe wa IV

AMABWILIZA AHULIWEHO N'INZEGO ZA MOUVEMENT

Ingingo ya 21:

Bitanyuranyije n'ibyateganyijwe n'amategako cyangwa amateka agenga buli rwego rwa Mouvement, abakozi, inama, ibigirwaho impaka, n'inyandiko-mvugo z'inzege za Mouvement bikulikiza amategako yanditse muli uyu mutwe.

Ingingo ya 22:

Abagize buli rwego rwa Mouvement bashyirwaho hubahilijwe ibyanditse mu ngingo ya 8 ya Stati ya Mouvement.

Icyiciro cya I

ABAKOZI

Ingingo ya 23:

Abakozi ba Mouvement balimo abashinzwe ubuyobozi bwa politiki n'abafasha babo.

..../....

Ingingo ya 24:

Abakozi bashinzwe ubuyobozi bwa politiki, uko byumvikana muli aya mategeko, ni abafite uruhare mu gushyiraho no kubahiliza politiki ya Mouvement mu nzego zayo zose.

Ingingo ya 25:

Abagize inzego z'ubuyobizi bwa politiki ya Mouvement:

1. Prezida wa Mouvement;
2. Umunyamabanga mukuru wa Mouvement;
3. Abagize Komite-Nyobozi;
4. Abagize Leta;
5. Abagiz'Inama y'Igihugu iharanira amajyambere;
6. Umukarani mukuru wa Komite-Nyobozi;
7. Abajyanama bo muli Komite-Nyobozi;
8. Abagize Kongre za Prefegitura;
9. Abagize Inteko za Komini;
10. Abagize Inama za Segiteri;
11. Abagize Komite ya za Cellule.

Ingingo ya 26:

Uwemerwaho ko ali umukozi wa Mouvement ni uwahawe umulimo n'ubutegetsi hakulikijwe ibyateganijwe mu ngingo ya 28 y'aya mategeko.

Ingingo ya 27:

Mouvement ihobora gushyiraho umukozi bagiranye kontra kugira ngo akore nk'uko amategeko n'amateka asanzwe agenga amasezerano y'umulimo ahembarwa abigena

Ingingo ya 28:

Uburenganzira n'igihembo bigenewe abakozi ba Mouvement bo mu buyobozi bwa politiki bahawe gukora mu nzego za Mouvement mu gihe kirambuye, bisobanurwa n'iteka rishyirwaho na Prezida wa Mouvement amaze kumva icyo Komite-Nyobozi ibivugaho.

Iryo teka ligomba kwitegereza uko Stati rusange y'abakozi ba Leta ibiteganya k'uburyo inzego z'abakozi bose b'Igihugu zikomeza guhuza nta buryamirane mu mizamukire no mumishahara bityo rero kujya k'umulimo cyangwa guhindurirwa k'uwundi bikoroha.

Ingingo ya 29:

Abakozi bo mu buyobozi bwa Mouvement bakora mu gihe kirambuye muli Leta cyangwa ahandi bakomeza kubona ibyo bagenewe n'ibyo bungurwa byemewe n'amategeko abagenga cyangwa n'amasezerano y'aho bali.

..../....

Cyakora bitewe n'ukuntu imilimo bakora mu nzego za Mouvement imeze, bashobora kugira icyo bahabwaho ishimwe bikulikije ibyagenywe na Prezida wa Mouvement amaze kumva icyo Komite-Nyobozi ibivugaho.

Ingingo ya 30:

Abakozi ba Mouvement bagengwa n'iteka lishyizweho na Prezida wa Mouvement amaze kumva icyo Komite-Nyobozi ibivugaho, ntiligomba kandi kunyuranya n'iligenga abakozi ba Leta.

Icyiciro cya II
AMATERANIRO N'IBYO AGAMIJE GUSUZUMA

Ingingo ya 31:

Nta rwego rwa Mouvement rushobora guterana rudakulikije uburyo buteganyijwe mu ngingo ya 63 ya Stati ya Mouvement.

Ingingo ya 32:

Ingingo zose zigomba gusuzumwa zigenda zigerwaho bakulikije uko zerekanywe mw'ihamagarwa, keretse iteraniryo ligize ukundi libyemeza. Ikibazo kitanditse ku murongo w'ibyigwa ntigishobora gusuzumwa.

Ingingo ya 33:

Nta muhezo mu nama z'inzeze za Mouvement keretse urwo rwego rubyemeje.

Ingingo ya 34:

Iyo inama itangiye Umwanditsi wa buli rwego rwa Mouvement ahamagara buli muntu mu barugize, Prezida agasaba ko hemezwa ibigomba kwigwa, agatangiza impaka kuli buli kibazo mu byemeza gusuzumwa keretse rero ashatse kugira uwo abishinga mu bahali; hanyuma agatangiza impaka aha buli muntu ijamba uko lisabwe.

Ibivugwa byerekeye ibyateganyijwe ku murongo w'ibyigwa n'ibyibutsa gukubikira kiza amategeko y'imikorere ya Mouvement bihabwa umwanya mbere y'ibindi; impaka zikaba zihagaze.

Prezida ashobora gusaba ko uhawe ijamba atarenza igihe cyemejwe cyangwa akamenyesha incuro ubisabye ashobora gufata ijamba cyangwa akagena umubare ntarengwa w'abafata ijamba.

Ingingo ya 35:

Ubwitonzi n'ituze mu nama ya buli rwego byubahirizwa na Prezida wayo ashingiye kuli aya mategeko.

Ingingo ya 36:

Uretse Prezida w'Inama, nta numwe w'undi mu bayigize ushobora guca mw'ijambo uwalihawe. Prezida ashobora kugarura ku ngingo yigwa ufite ijamba wese iyo abonye ko atandukira.
.../...

Ingingo ya 37:

Iyo mu bagize inama y'urwego alirwo rwose hali uteye isahinda Prezida aramucyaha. Iyo akomeje gukubaganira inama kandi amaze kubibuzwa, Prezida asaba inama kugira icyo ibyemezaho.

Ingingo ya 38:

Icyemejwe n'imana bishingiye kuliyo ngingo ibanziliz'iyi, gishobora kuba al'inama igilirwa nyil'ukubigira cyangwa al'ukumubwira ngo aho inama iremeye.

Ingingo ya 39:

Uwagiliw'inama yo kwitonda cyangwa wabwiwe kuva mu nama agomba gukora uko yabwiwe, yakwanga, inama, ibisabwe na Prezida wayo, igatabaza imbaraga za Leta kandi ikamukorerera raporo yohererezwa ushinzwe urwego rukulikirwa n'urwo ibyo bibayemo.

Ingingo ya 40:

Iyo inama ivutsemo urusaku, Prezida ayibutsa ko hakwiye ituze, urusaku rwakomeza agahagalika imilimo y'inama. Inama ntishobora kwongera guterana Prezida atizeye ko impaka zigirwa mubwitonzi. Ibyo alibyo byose, Prezida w'iyi nama agomba kubikoraho raporo yoherereza urwego rwo hejuru y'urwo alimo.

Ingingo ya 41:

Iyo ntawe ugisaba ijambo, cyangwa inama ibisabye, Prezida ahagali/impaka/ agatangira gucisha mu majwi ikizwe.

Ingingo ya 42:

Mu byerekeye itora, cyane cyane iyo ibyemezo bigomba gutangwa mu ibanga, buli muntu ahabwa agapapuro katagir'ikindi kiliho kitali umukono uhinnye wa Prezida w'inama. Yamara kwandikaho icyo ahisemo akazinga agapapuro mo kane akagashyira mu kintu kibiteganilijwe, udupapuro twose twamara guterana turamburwa na Prezida afashijwe n'abagenzuzi babili bashyizweho n'inama. Prezida agasoma ku buryo bwumvikana icyo agapapuro katoreweho; agatangaza icyo iryo hitishamo ryemeje.

Ingingo ya 43:

Mbere yo gucisha mu majwi icyigwa cy'ingenzi, inama igomba kubanza gukemura ikibazo cyagitambamira, cyagisibiza cyangwa cyagitera guhinduka.

Ingingo ya 44:

Bitanyuranyije n'ibyateganyijwe mu ngingo ya 66 ya Stati ya Mouvement, umubare ngombwa kugira ngo inama ya buli rwego iterane ku buryo bwe-mewe ni bitatu bya kane by'abarugize. Ntawe ushobora kwohereza umuhagarali-ra. Ibyemejwe/ni ibyo bibili bya gatatu by'abagize inama bahuliyeho.

...../.....

Ingingo ya 45:

Ibibazo byafatiwe icyemezo ntibisubirwaho kandi ntibishobora kugirwaho kugirukaho keretse byemewe nibura na bitatu bya kane by'abarugize. Cyakora Prezida w'iyo nama ashobora kwemerera abayilimo kugira icyo basobanura ku cyemejwe keretse mu gihe cyacishijwe mu majwi mw'ibanga. Prezida ashobora gutanga igihe iryo sobanura litarenza.

Ingingo ya 46:

Inyandiko-mvugo ya buli nama y'urwego rwa Mouvement ikorwa n'umwanditsi warwo. Inyandiko-mvugo igomba kugaragaza ibyavuzwe kuli buli kibazo no kwerekana impamvu y'ibyemejwe.

Ingingo ya 47:

Inyandiko-mvugo y'ateganyo igomba kugera kuli buli wese mu bagize urwego nibura mbere y'amasaha makumyabiri n'ane kugirango bayisuzume mbere yo kuyemeza. Inyandiko-mvugo ntisomwa mu nama. Cyakora, ugize inama wese afite uburenganzira bwo kugir'icyo agaya k'uburyo yanditswe. Iyo ikigawe cyemejwe, umwanditsi agomba kwerekana muli iryo teraniro, inyandiko nshya ihuje n'icyo inama yemeje burundu.

Ingingo ya 48:

Inyandiko-mvugo zemewe burundu, kopi zazo n'inyandukuro za bimwe muli zo byemerwa ari uko bilihwo umukono wa Prezida n'uw'umwanditsi w'inama; bishyingurwa ahagenwe n'urwego rwa Mouvement; bishingwa Prezida n'Umwanditsi ba buli rwego.

Interuro ya III

IMALI YA MOVEMENT

Ingingo ya 49:

Amafranga y'umusanzu, imyaka buli munyarwanda wese agomba kuba amaze kugira ngo awutange n'igiciro cy'ibintu bishobora kugulishwa bishyirwaho na Komite-Nyobozi.

Ingingo ya 50:

Uburyo bwo kwakira amafranga akoreshwa muli Mouvement n'ubwo kuyacunga bugomba gukubikira amategeko agenga kontabilite ya Leta. Imisanzu yakilirwa mu rwego rwa Segiteri keretse mu gihe Komite-Nyobozi ibitegetse ukundi.

Ingingo ya 51:

Umunyamabanga mukuru wa Mouvement ateranyiliza hamwe ibyakiliwe akabigabanya inzego zose za Mouvement akulikije uko byagenwe na Komite-Nyobozi.

Ingingo ya 52:

Amafranga akoreshwa na Mouvement, ateganywa buli mwaka n'umunyamabanga mukuru wa Mouvement, akemerwa na Komite-Nyobozi. Agenewe guhamba abakozzi no kwishyura ibyangabwa byose Mouvement ikeneye.
...../.....

Aya mafanga akoreshwa bikulikije amategeko ashwirwaho na Komite-Nyobozi.

Ingingo ya 53:

Nta franga rya Mouvement lishobora gutangwa hatabonetse icyemezo kiliho umukono w'umuyobozi n'umubitsi b'urwego livamo.

Ingingo ya 54:

Komisiyo iteganijwe ku ngingo ya 13 ya Stati ya Mouvement ihinzwe kugenzura imikoreshereze y'imali ya Mouvement mu nzego zose n'itunyanya ry'imilimo yo gucunga imali.

Interuro ya IV

GUHANIRA AMAKOSA

Ingingo ya 55:

Bikulikije uko ikosa lingana, ibihano bitangwa ni ibi :

1. kubulira umuntu bamwandikiye;
2. kumwihanangiliza mu nyandiko;
3. kumubuza kugir'icyo ashingwa mu nzego za Mouvement kuva ku mezi atatu kugeza kuli atandatu;
4. kumubuza kugira umulimo ashingwa mu nzego za Mouvement mu gihe cy'imyaka itarenze itatu.

Ingingo ya 56:

Komite-Nyobozi, Komite ya Prefegitura, Komite ya Komini zifite ububasha bwo gukukirana, imwe mw'ifasi yayo, amakosa akwiye ibihano. Cyakora ntizishobora gutanga igihano zitabanje kugerageza mu bwumvikane ngo binanirane. Ibyo alibyo byose, igihano n° 3 giteganijwe mu ngingo ibanziliza z'iyi gishobora gutangwa gusa na Komite ya prefegitura. Igihano n° 4 gishobora gutangwa gusa na Komite-Nyobozi. Prezida wa Mouvement ashobora guhanisha umuyobozi wese uli mu bakazi ba Mouvement, kimwe mu bihano byateganyijwe mu ngingo ibanziliza iyi.

Interuro ya V

AMABWILIZA ASOZA

Ingingo ya 57:

Buli munyarwanda wese agomba kubahiliza aya mategeko. Aya mategeko ashobora guhindurwa na Kongre y'Igihugu ibisabwe na Komite-Nyobozi ibyemejwe nibura, mu bwiganze bw'amajwi, na bibili bya gatatu by'abayigize.

...../.....

REGLEMENT GENERAL INTERIEUR DU MOUVEMENT REVOLUTIONNAIRE NATIONAL POUR LE DEVELOPPEMENT.

Titre I
GENERALITES

Article premier:

Le présent texte porte règlement général intérieur du Mouvement Révolutionnaire National pour le Développement, ci-après désigné le "Mouvement".

Article 2:

Les organes du Mouvement, tels que institués par les dispositions du titre II des Statuts du Mouvement, fonctionnent conformément à l'esprit du Manifeste du 5 juillet 1975, des Statuts du Mouvement et du Présent Règlement.

Article 3:

Sans préjudice aux dispositions de l'article 8 des Statuts du Mouvement, les étrangers peuvent être consultés sur des points déterminés de l'ordre du jour des travaux des organes du Mouvement à titre d'experts sur autorisation expresse de l'organe directement supérieur.

Titre II
DES ORGANES DU MOUVEMENT

Chapitre I
DES ORGANES CENTRAUX

Section I.
DE LA PRESIDENCE DU MOUVEMENT ET
DU COMITE CENTRAL.

Article 4:

Dans les cas prévus à l'article 14 des Statuts du Mouvement, la saisine de la Cour Constitutionnelle doit se faire par lettre recommandée à la poste ou par porteur avec accusé de réception dans les quinze jours qui suivent la constatation de l'empêchement.

La Cour Constitutionnelle doit se prononcer au plus tard cinq jours après la réception de la saisine. La décision de la Cour Constitutionnelle est communiquée au Comité Central par lettre recommandée à la poste ou par porteur avec accusé de réception.

Article 5:

Les membres du Comité Central, dont le nombre ne peut être inférieur à 8 ni supérieur à 15, sont choisis en raison de leurs compétences techniques et/ou des connaissances pratiques des problèmes nationaux, suffisantes pour répondre aux dispositions prescrites par les articles 23 et 25 des Statuts du Mouvement.

Article 6:

Tout membre révoqué ou définitivement empêché doit être remplacé dans les trente jours qui suivent la révocation ou la constatation du caractère définitif de l'empêchement. Le nouveau membre achève le mandat de son prédécesseur.

Article 7:

Les modifications, réformes ou suspensions prévues à l'article 23 des Statuts du Mouvement doivent être motivées et notifiées aux organes concernés dans les quinze jours qui suivent leur prononcé.

Article 8:

Les motifs qui justifient les décisions prises en vertu des dispositions de l'article 23, alinéa 3, des Statuts du Mouvement doivent figurer dans le rapport du Comité Central tel que prévu à l'article 19 des Statuts du Mouvement.

Article 9:

L'interprétation authentique des Statuts et règlements du Mouvement est de la compétence exclusive du Comité Central.

Article 10:

Le Secrétaire Permanent, dont question à l'article 23, alinéa 3, des Statuts du Mouvement, est le Secrétaire particulier du Président du Mouvement.

Article 11:

Avant le 15 février de chaque année, le Comité Central fait, par l'intermédiaire du Secrétaire Général, un rapport sur les activités de l'année précédente qu'il présente immédiatement au Président du Mouvement ainsi qu'au Congrès National lors de sa première réunion ordinaire.

Article 12:

Aucun membre du Comité Central ne peut assumer la direction de plus d'une des commissions mentionnées à l'article 25 des Statuts du Mouvement.

Article 13:

Les conseillers mentionnés à l'article 26 des Statuts sont des fonctionnaires à temps plein du Mouvement, désignés par le Président du Mouvement en raison de leurs compétences.

Article 14:

Sous la direction du Président du Mouvement et du Comité Central, le Secrétaire Général du Mouvement:
- coordonne les activités du Congrès National, du Comité Central et des organes préfectoraux et communaux du Mouvement, assure les liaisons utiles avec la direction de toutes les organisations intégrées au Mouvement;

...../.....

- assure les rapports du Mouvement avec la presse écrite et parlée;
- contrôle l'action des responsables du Mouvement à l'échelon préfectoral et communal;
- fait appliquer les décisions des organes centraux par les organes préfectoraux et communaux;
- prépare, à l'intention du Président du Mouvement, les dossiers des réunions du Congrès National et du Comité Central;
- assure la conservation des archives du Congrès National et du Comité Central;
- dresse les procès-verbaux des réunions du Congrès National et du Comité Central;
- établit, à l'intention du Comité Central, le projet de budget du Mouvement et lui transmet à la fin de chaque exercice un rapport de gestion des fonds du Mouvement;
- diffuse les thèmes et les mots d'ordre des organes centraux du Mouvement;
- assure l'administration du Mouvement et, à ce titre, engage et licencie le personnel d'exécution;
- assure l'application du statut du personnel sous ses ordres.

Section II
DU CONSEIL NATIONAL DE DEVELOPPEMENT ET DU
GOVERNEMENT.

Article 15:

Le Conseil National de Développement et le Gouvernement fonctionnent conformément aux dispositions du titre II, chapitre I, section IV et V des Statuts du Mouvement.

Chapitre II
DES ORGANES PREFECTORAUX

Article 16:

Les organes préfectoraux fonctionnent conformément aux dispositions du chapitre II des Statuts du Mouvement.

Chapitre III
DES ORGANES COMMUNAUX

Section I
DU CONSEIL DE SECTEUR

Article 17:

Les séances du Conseil de Secteur sont présidées par le Conseiller Communal responsable de ce secteur et en cas d'absence ou d'empêchement de celui-ci, par un des membres du Conseil de Secteur élu par ses pairs au cours de la première réunion sous la direction du responsable du Mouvement dans la Commune.

..../....

Article 24:

Les cadres politiques au sens du présent règlement, sont des personnalités qui participent à la conception et à l'exécution de la politique du Mouvement à ses divers échelons.

Article 25:

Sont considérés comme cadres politiques;

1. Le Président du Mouvement;
2. Le Secrétaire Général du Mouvement;
3. Les Membres du Comité Central;
4. Les Membres du Gouvernement;
5. Les Membres du Conseil National de Développement;
6. Le Secrétaire Permanent du Comité Central;
7. Les Conseillers auprès du Comité Central;
8. Les Membres des Congrès Préfectoraux;
9. Les Membres des Assemblées Communales;
10. Les Membres des Conseils de Secteurs;
11. Les Membres des Comités de Cellule.

Article 26:

La qualité d'agent du Mouvement est reconnue à toute personne nommée à un emploi permanent par l'autorité compétente conformément aux dispositions de l'article 28 du présent règlement.

Article 27:

Le personnel sous-contrat peut être engagé pour occuper certains emplois conformément aux dispositions légales et réglementaires en vigueur en matière de louage de service.

Article 28:

Les droits et avantages afférents aux cadres politiques affectés à temps plein dans les organes du Mouvement sont définis par un règlement arrêté par le Président du Mouvement après consultation du Comité Central. Ce règlement doit tenir compte des dispositions contenues dans le Statut général des agents de l'Etat de façon à maintenir une concordance équitable entre les grades et les traitements de tous les agents du pays et ainsi faciliter la reprise en fonction ou le transfert d'un service à l'autre.

Article 29:

Les cadres politiques du Mouvement qui exercent à temps plein leurs fonctions dans des établissements publics ou privés continuent à bénéficier des droits et avantages leur reconnus par leurs statuts ou contrats respectifs.

..../....

Toutefois, eu égard aux fonctions qu'ils exercent dans les divers organes du Mouvement, des indemnités et avantages supplémentaires peuvent être accordées dans des conditions fixées par le Président du Mouvement après consultation du Comité Central.

Article 30:

Les agents du Mouvement sont régis par un règlement du personnel, arrêté par le Président du Mouvement après consultation du Comité Central et qui leur applique le statut général des agents de l'Etat.

Section II
DES REUNIONS ET DES DELIBERATIONS

Article 31:

Est nulle toute réunion d'un organe non régulièrement convoqué conformément aux dispositions de l'article 63 des Statuts du Mouvement.

Article 32:

Les différents points de l'ordre du jour sont traités dans l'ordre établi par convocation à moins que l'Assemblée n'en décide autrement. Est nulle toute discussion portant sur une question non inscrite à l'ordre du jour.

Article 33:

Les séances des organes du Mouvement sont publiques sauf décision contraire de chaque organe.

Article 34:

Immédiatement après l'ouverture de la séance, le Secrétaire de chaque organe du Mouvement procède à l'appel nominal de ses membres. Le Président fait adopter l'ordre du jour, il introduit les discussions sur chaque point de l'ordre du jour adopté à moins qu'il ne veuille en charger un membre. Il ouvre ensuite les débats et donne la parole dans l'ordre des demandes. Les observations se rapportant à l'ordre du jour et les rappels au Règlement ont priorité sur le fonds et en suspendent la discussion. Le Président peut proposer la limitation du temps de parole ou le nombre d'interventions de chaque orateur ou la clôture de la liste des orateurs.

Article 35:

La discipline et la police des séances de chaque organe sont assurées par son Président conformément au présent Règlement.

Article 36:

Aucun membre, si ce n'est le Président de la séance, ne peut interrompre l'orateur autorisé à parler. Le Président peut rappeler à l'ordre tout orateur dont les déclarations n'ont pas trait au sujet en discussion.

..../....

Article 37:

Si un membre de quelque organe que ce soit trouble l'ordre qui doit régner au cours des séances, il y est rappelé par le Président. Si, malgré ce rappel, le membre persiste à perturber la bonne marche des travaux, le Président demande à l'assemblée de statuer sur son cas.

Article 38:

La décision de l'Assemblée prise en vertu de l'article précédent peut consister en une recommandation adressée à l'intéressé ou en l'invitation de celui-ci à se retirer du lieu de réunion.

Article 39:

Le membre qui a reçu une recommandation ou qui a été invité à quitter la salle de réunion est obligé de s'exécuter faute de quoi l'Assemblée, à la diligence de son Président, adresse une réquisition aux forces de l'ordre et établit un rapport à sa charge qu'il transmet au responsable de l'organe immédiatement supérieur.

Article 40:

Si l'Assemblée d'un organe devient tumultueuse, le Président la rappelle à l'ordre et en cas de persistance du tumulte, il suspend la séance. ^{La séance} ne peut être reprise que si le Président s'est préalablement assuré que les délibérations se dérouleront dans le calme. En tout état de cause, le Président de séance doit en faire rapport à l'organe immédiatement supérieur.

Article 41:

Lorsque plus personne ne demande la parole ou lorsque l'Assemblée le demande, le Président déclare les débats clos et procède au vote.

Article 42:

En matière d'élection ou lorsque le vote se fait au scrutin secret, chaque membre reçoit un bulletin blanc portant le seul paraphe du Président de séance. Après le vote, il plie le bulletin en quatre et le remet dans une urne prévue à cet effet. Tous les bulletins rassemblés sont dépouillés par le Président assisté de deux scrutateurs désignés par l'Assemblée. Le Président donne lecture à haute voix de chaque bulletin de vote. Il proclame le résultat du scrutin.

Article 43:

La question préalable, l'ajournement et les amendements sont mis aux voix avant la proposition principale.

Article 44:

Sous réserve des dispositions de l'article 66 des Statuts du Mouvement, le quorum est constitué à chaque réunion d'un organe du Mouvement par les trois quarts de ses membres.

Nul ne peut se faire représenter. Les décisions sont prises à la majorité des deux tiers des voix des membres présents.

Article 45:

Le vote émis valablement devient définitif et ne peut faire l'objet d'une quelconque discussion au cours de la même session.

L'organe qui l'a émis ne peut y revenir qu'avec l'accord de trois quarts au moins des membres le composant. Toutefois, le Président peut permettre aux membres de donner des explications sur leur vote après le scrutin sauf en cas de vote au scrutin secret. Le Président peut limiter la durée de ces explications.

Article 46:

Le procès-verbal de chaque réunion d'un organe du Mouvement est dressé par son Secrétaire. Il doit relater un exposé des diverses déclarations exprimées à propos de chaque question ainsi que le libellé motivé des décisions prises.

Article 47:

Le procès-verbal provisoire doit parvenir à chaque membre au moins vingt-quatre heures avant la séance au cours de laquelle il est soumis à l'approbation.

Il n'est pas donné lecture du procès-verbal en cours de séance. Toutefois, tout membre a le droit de réclamer contre sa rédaction. Si la réclamation est acceptée, le Secrétaire doit présenter, séance tenante, une nouvelle rédaction conforme à la décision finale de l'Assemblée.

Article 48:

Les procès-verbaux définitifs, leurs copies et extraits authentifiés par la signature du Président et du Secrétaire de la séance sont conservés dans les archives du Mouvement sous la responsabilité solidaire du Président et du Secrétaire de chaque organe.

Titre III
DES FINANCES DU MOUVEMENT

Article 49:

Le montant de la cotisation individuelle et l'âge à partir duquel tout membre du Mouvement en est redevable ainsi que le prix des matériels sont fixés par le Comité Central.

Article 50:

Le mode de perception et de gestion des ressources du Mouvement doit respecter les dispositions qui régissent la comptabilité publique. Les cotisations sont perçues au niveau du secteur sauf dans les cas où le comité Central en dispose autrement.

Article 51:

Le Secrétaire Général centralise toutes les perceptions et les répartit entre les divers organes du Mouvement suivant les modalités déterminées par le Comité Central.

Article 52:

Le budget du Mouvement, élaboré chaque année par le Secrétaire Général est adopté par le Comité Central. Il sert à supporter les frais de toutes les activités et charges du Mouvement. Son utilisation est soumise aux règles établies par le Comité Central.

Article 53:

Tout acte de dépense portant sur les fonds du Mouvement doit porter la signature du responsable et du trésorier du Mouvement à l'échelon concerné.

Article 54:

La Commission prévue à l'article 13 des Statuts du Mouvement a pour rôle de contrôler la gestion des fonds du Mouvement à tous les échelons ainsi que la régularité des opérations comptables.

Titre IV
DES SANCTIONS DISCIPLINAIRES

Article 55:

Suivant la gravité de la faute les sanctions applicables sont:

1. l'avertissement écrit;
2. le blâme écrit;
3. la suspension de trois à 6 mois de responsabilité dans les organes du Mouvement;
4. l'interdiction d'accès au poste de responsabilité dans les organes du Mouvement pour une durée de trois ans maximum.

Article 56:

Le Comité Central, le Comité Préfectoral, le Comité Communal sont compétents pour effectuer, chacun dans son ressort, l'instruction relative aux sanctions disciplinaires. Toutefois, ils ne peuvent infliger de sanction qu'après un essai de conciliation resté infructueux.

En tout état de cause, la sanction n° 3 prévue à l'article précédent ne peut être infligée que par le Comité Préfectoral aux membres des organes communaux.

La sanction n° 4 ne peut être infligée que par le Comité Central.

Le Président du Mouvement peut infliger chacune de ces sanctions prévues à l'article précédent à tout responsable dans le cadre du Mouvement.

..../....

Titre V

DES DISPOSITIONS FINALES

Article 57:

Le présent règlement intérieur a force exécutoire pour tous les membres du Mouvement.

Il peut être modifié par le Congrès National sur proposition du Comité Central statuant à la majorité de deux tiers au moins des membres le composant.


Article 58:

Le présent règlement, tel qu'adopté par le Congrès National, entre en vigueur le jour de sa signature par le Président du Congrès.

Fait à Kigali, le 3 juillet 1976

Le Président du Congrès National du
Mouvement Révolutionnaire National
pour le Développement.

HABYARIMANA Juvénal
Général-Major.-



STATI IVUGURUYE YA MOUVEMENT REVOLUTIONNAIRE IHARANIRA
AMAJYAMBERE Y'U RWANDA.

INTERURO YA MBERE : IBYEREKEYE MOUVEMENT REVOLUTIONNAIRE IHARANIRA AMAJYAMBERE Y'U RWANDA.

Ingingo ya mbere :

Hashinzwe Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda.

Ingingo ya 2 : Iyi Mouvement igamije guhuza abavuka-Rwanda bose kugirango bafatanyilize hamwe kuzamura igihugu cyabo bakulikije Programme yatanzwe na Manifeste yo kuwa gatanu Nyakanga 1975.

Ingingo ya 3 :

Ikiranga ntego cya Mouvement Révolutionnaire ni "UBUMWE - AMAHORO - AMAJYAMBERE".

Ingingo ya 4 :

Ikimenyetso cya Mouvement giteye gitya : uva ibumoso ujya iburyo, ni amabara atatu: ilitukura, umuhondo n'iry'icyatsi kibisi, agaragaza ubumwe bw'Igihugu. Ibara ry'umutuku n'iry'icyatsi kibisi ni impande eshatu, naho iry'umuhondo lifite impande enye ziberanye, hagati yazo hakabamo igishushanyo cy'inuma n'ishami ry'umuzeti biranga amahoro, isuka n'umuhoro biranga umulimo inyandiko "Republika y'u Rwanda" n'intego ya Mouvement: UBUMWE - AMAHORO - AMAJYAMBERE.

Ingingo ya 5 :

Intebe ya Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda ishinze i Kigali. Prezida wayo afite uburenganzira bwo kuyimurira ahandi mu Rwanda Kongre y'Igihugu imaze kubimwemerera.

Ingingo ya 6 :

Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda nirwo rwego rw'Ikirenga mu butegetsi bwa Republika y'u Rwanda.

Ingingo ya 7 : Uwitwa Umunyarwanda wese ari muri Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda. Buli wese ugerageza gucengeza inyigisho n'amabwiliza ya Mouvement mu bandi agatanga n'urugero akulikiza ibyemezo byayo yitwa "militant".

Ingingo ya 8 :

Abanyamahanga bashobora gushyigikira Mouvement yacu. Umunyamahanga ushyigikira Mouvement ni uwemera kandi agatera inkunga ibitekerezo byayo, aliko ntashobora kwinjira mu nzego zayo.

.../...

Ingingo ya 9 :

Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda

ikora itya :

- gukoresha inama z'uturere, inama rusange, amateraniro ya bose, ibiganiro, guhugura, n'inama nkuru;
- kwandika no gutangaza udutabo tw'ubwoko bwose;
- kugena bije ya Mouvement;
- gushaka uburyo buboneye bwo kuyobora abatura-Rwanda.

Ingingo ya 10 :

Ishingiye ku miterere n'inzego zayo, Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda igomba :

- kwemeza, kugaragaza, gusobanura, kwamamaza amahame politiki yayo ishingiyeho;
- gukora no kwerekana uburyo leta mu mikorere yayo igomba kubahiliza intego zishingiye ku mahame ya Mouvement ;
- gushyigikira no kugenzura imyifatire ya leta mu bikorwa byayo;
- kwigisha no gucengeza amahame ya Mouvement mu Banyarwanda;
- kumva buli gihe ibitekerezo n'ibyifuzo by'abatura-Rwanda kugirango imikorere ya Mouvement n'inyigisho itanga bikulikize inzira y'amajyambere tugezemo;
- kugira inzego zibishoboye kandi zemewe n'abatura-Rwanda, zunva neza kandi zemera byimazeyo amategeko n'imigambi ya Mouvement;
- kuvugurura ibiliho igihe cyose hali ibibogamiye imizanukire y'Abanyarwanda;
- gukomeza ubumwe bw'abagize Mouvement.

Ingingo ya 11 :

Mu nama zose za Mouvement, buli wese ahawe urubuga rwo kuvuga no gusobanura igitekerezo cye n'uko abona ibintu cyangwa uko abyumva; ibyo bizatuma inama zihumeka umwuka mwiza wa demokrasi na discipline buli wese yiyemeje, mu gushakira hamwe nta buryarya ubwumvikane mu bikorwa.

INTERURO YA 2 : INZEGO ZA MOUVEMENT

UMUTWE WA I. : INZEGO NKURU

Ingingo ya 12 :

Inzego nkuru za Mouvement ni izi :

1. Prezidansi ya Mouvement;
2. Kongre y'Igihugu;
3. Komite-Nyobozi
4. Inama iharanira Amajyambere y'Igihugu;
5. Leta.

2. Ba Prezida na ba Visi-Prezida ba Kongre z'amaprefegitura;
3. Abagize za Komite za Prefegitura;
4. Ba Prezida na ba Visi-Prezida b'inteko za Komini.

Ingingo ya 18 :

Inama isanzwe ya Kongre y'Igihugu ihamagarwa na Prezida wa Mouvement uko hashize imyaka ibili. Ihamagara ryerekana ibizigwa ligatanga ngazwa kandi ligashyikizwa abagize Kongre hasigaye nibura amezi abili kugirango inama ibe.

Ingingo ya 19 :

Kongre y'Igihugu ishinzwe cyane cyane :

1. Kwumva ibyakozwe na Komite-Nyobozi;
2. Gusuzuma ibibazo ishyikilijwe na Komite-Nyobozi;
3. Gutanga ibyemezo ku bibazo byose byerekeye politiki, ubukungu, umuco, n'imizamukire y'abatura-Rwanda.

Ingingo ya 20 :

Prezida wa Mouvement ashobora guhamagara Kongre mu nama idasanzwe igihe cyose abona ko ari ngombwa; iyo nama isuzuma gusa ibili ku murongo w'ibyigwa mu rwandiko ruyihamagara.

Ingingo ya 21 :

Bitagize icyo binyuranyaho n'ingingo ya 66, Kongre y'Igihugu ishyiraho ibyemezo byayo ikulikije ubwiganze bw'amajwi ya bibili byagata-tu byabayigize.

Igice cya III : KOMITE-NYOBOZI.

Ingingo ya 22 :

Komite-Nyobozi igizwe na Prezida wa Mouvement n'abandi ashyiraho balimo Umunyamabanga mukuru wa Mouvement. Prezida wa Mouvement niwe ushyiraho kandi ukuraho abagize Komite-Nyobozi.

Ingingo ya 23 :

Komite-Nyobozi, iyobowe na Prezida wa Mouvement afashijwe n'Umunyamabanga wayo :

- igena kandi iyobora politiki ya Mouvement;
- itegura amategeko rusange agenga imikorere ya Mouvement ikanayasabira gusubirwaho na Kongre y'Igihugu iyo ari ngombwa;
- igenzura inzego zose za Mouvement uretse Prezidansi na Kongre y'Igihugu;
- ishyiraho Stati y'abakozi bayo n'aya buli shami ry'impuguke muli Mouvement;
- igena bize ya Mouvement;
- yerekana abashobora gutorwamo abagize Inama y'Igihugu Iharanira Amajyambere;
- irangiza ibyemejwe na Kongre y'Igihugu.

.../...

Ishobora guhagalika, guhindura cyangwa kuvanaho ibyemejwe mu nzego zo hasi, uretse amategeko yemewe n'Inama y'Igihugu Iharanira Amajyambere. Impamvu z'iryo hinduka zigomba kumenyeshwa urwego rwali rwarafashe icyo cyemezo cyanzwe.

Ishobora gushyiraho, kubumbira hamwe cyangwa kuvanaho inzego zo muli Prefegitura cyangwa muli Komini, ndetse n'amashami amwe n'amwe y'impuguke. Yohereza abayihagaralira, bashobora guhabwa ijamba, muli Kongre za Prefegitura no muli Kongre z'impuguke zishamikiye kuli Mouvement. Ishyiraho ibiro bishinzwe umukarani mukuru ukorana buli gihe na Prezida wa Mouvement.

Ingingo ya 24 :

Komite-Nyobozi iterana buli mezi atatu. Aliko igihe cyose bi-baye ngombwa ishobora guhamagarwa igitaraganya mu nama idasanzwe.

Ingingo ya 25 :

Komite-Nyobozi igizwe n'utunama dutatu duhoraho, dushinzwe kwiga ibi bikulikira :

- Politiki, ubutegetsi n'Ubucamanza;
- Ubukungu n'Imali;
- Imimerere y'abaturage, umuco n'uburezi;
- Discipline;
- Ububanyi n'amahanga.

Ingingo ya 26 :

Umunyamabanga mukuru wa Mouvement ashwirwaho na Prezida wa Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda; ategaka akama k'impuguke kagakorana na Komite-Nyobozi, gashinzwe kwiga no gusobanura ku buryo bwumvikana buli kibazo kireba inyigisho za Mouvement, ibitekerezo by'ingenzi byayo, inzira ziyiboneye, intego zayo n'ubuhanga bwo kuzigeraho. Abagize ako kanama bashwirwaho na Prezida wa Mouvement, nkuko Stati z'Ubuyobozi bwa politiki zibigena.

Igice cya IV : INAMA Y'IGIHUGU IHARANIRA AMAJYAMBERE.

Ingingo ya 27 :

Inama y'Igihugu Iharanira Amajyambere niyo igenewe gushinga amategeko mu Gihugu. Ububasha bwo gushinga amategeko buhuliweho n'Inama iharanira amajyambere na Prezida wa Republika, nkuko Itegeko-Nshinga libiteganywa. Inama y'Igihugu Iharanira Amajyambere igomba gushyiraho amategeko ikulikije Manifeste yo kuwa 5 nyakanga 1975. Igenzura imikorere ya Leta.

